

IRIBURIRO

IBINTU 3 TUGOMBA KUMENYA KU BUZIMA MU ISI YANDUYE

1. Ibigeragezo ntaho wabihungira.

Bakundwa mwe gutangazwa n'ikome ryo kubagerageza riri hagati yanyu ngo mumere nk'abagushije ishyano. (1 Petero 4:12)

Ibyo mbibabwiriye kugirango mugire amahoro muri njye. Mu isi mugira umubabaro ariko nimuhumure nanesheje isi.
(Yohana 16:33)

Icyakora n'ubundi abashaka kuja bubaha Imana bese bari muri Kristo Yesu, bazarenganywa. Kandi abantu babi n'abiyita uko batari bazarushaho kuba babi, bayobya bakayobywa. (2 Timoteyo 3:12-13)

2. Ibigeragezo “ bishobora kutwubaka” cyangwa “bikadusenya”

3. Abaneshwa bananirwa kurenga kubaza ngo “kuki” bagakomeza kwibera mu mubabaro.

IJAMBO RY'IMANA KU BANTU BASA NK'AHU ISI IGUYEHO

¹Yakobo imbata y'Imana n'Umwami Yesu Kristo ndabandikiye, mwebwe abo mu miryango cumi n'ibiri y'abatanye ndabatashya. ²Bene Data, mwemere ko ari iby'ibyishimo rwose nimugubwa gitumo n'ibibagerageza bitari bimwe, ³mumenye yuko kugeragezwa ko kwizera kwanyu gutera kwihangana. ⁴Ariko mureke kwihangana gusohoze umurimo wako, mubone gutungana rwose mushyitse mutabuzeho na gato. (Yakobo 1:1-4)

1. Ni iki nagenga igihe isi isa n'inguyeho?

Igisubizo: **IMYUMVIRE** (Yakobo 1:2)

“Mwemere” – suzuma, bara, uhitemo

“Ari iby'ibyishimo” – imitekerereze = bisobanura “ibitavanze cyangwa umunezero wuzuye”

“Ibibagerageza” - kuzengurukwa

2. Niki nakora ngo mbashe kurenga uyu muni?

Igisubizo: **KWIHANGANA** (Yakobo 1:3)

“Kumenya” - ibyo ducamo = uko tubyakira

“Kugeragezwa” - kwemerwa, gutunganywa, kwerekanwa nk'ukwiriye

“Kwihangana” - hupo-meno = imbaraga zihoraho

3. Ni Cyizere ki mfite cy'ejo hazaza?

Igisubizo: Imana izafata **ibibi** ikabikoresha itugeza **ku byiza**. (Yakobo 1:4)

“Mureke kwihangana” – kwemerera, gufatanya n'umurimo w'Imana kugirango ube...

“Gutungana” – gukura, kwera, gukura bihagije

“Mushyitse” - kuzura, ibice byose byuzuye and bitejwe imbere, ari ntacyo mubuze.

UKO IMANA IKORESHA IBIGERAGEZO KUGIRA NGO IDUKUZE

1. Bidutera **kwishingikiriza** kuri Yo ku rwego rushya. Iyo aritwe ubwacu bidutera kumva twishoboye, tukishyira hejuru, no kutumvira Imana.
2. **Tuvanwa** ku bintu by'igihe gito n'ibyhutirwa by'ubuzima, tugahatirwa kongera **gusuzuma** indangagaciro zacu, iby'ingenzi twitaho, ibyo twiyemeje n'icyerekezo cy'ejo hazaza.
3. Ibigeragezo bituma **duhamya** Ukuri n'Imbaraga z'Imana. Ibyo dukeneye biba imbaraga zitugeza mu buntu bw'Imana; ibibazo byacu bikagaragaza imbaraga z'Imana.
4. Ibigeragezo biba **ubuhamya** bukomeye kuri iy'isi y'abatizera Imana. Uko twihanganira ibitugerageza byereka isi ko Imana ari ukuri.
5. Duhinduka abantu bagira ubwenge muri byose, bita ku bandi, bafite impuhwe, kandi **tugera ikirenge mu cya Kristo**. Abababaye cyane bakunda byimazeyo.

IBIBAZO BYO KUGANIRAHU

1. Sangiza abandi ikintu kibi wahuye nacyo mu bihe byahise ariko nubwo cyari gikomeye kikagira umusaruro mwiza mu buzima bwawe.
2. Nubwo ari ibisanzwe, kuki ari ngombwa kurenga kwibaza "kuki?"
3. Nihe hantu mu buzima bwawe uyu munsu hakubereye nk'ikigeragezo or "isi igucikiyeho"?
4. Fata umwanya wongere unyure mu bibazo bitatu bya "NIKI" Imana iduha muri Yakobo 1:2-4.
5. Ganira uburyo byashirwa mu bikorwa mu buzima uri gucamo uyu munsu. Mubikoreshe isengesho musengerana.